

REPUBULIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU

UBUTUMWA BUGENEWE ABATURARWANDA BOSE MU RWEGO RWO GUKUMIRA KORONAVIRUSI

Mu rwego rwo gukomeza kurwanya no gukumira ikwirakwira ry'icyorezo cya koronavirusi (COVID-19), Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu imaze kubijyaho inama n'izindi nzego bireba, iramenyesha Abaturarwanda ibi bikurikira:

1. Amasaha y'Utubari: Guhera uyu muni, utubari two mu Muji wa Kigali n'indi Miji yo mu Turere tuzajya dufunga saa tatu z'ijoro (21h00) naho utwo mu cyaro dufunge saa moya z'ijoro (19h00).
2. Ibikorwa by'Amasengesho: Birabujijwe kwimurira ibi bikorwa ahatarabugenewe aho ariho hose; nko mu byumba by'amasengesho, guteranira mu ngo cyangwa mu buvumo.
3. Turasaba abantu bose kongera imbaraga mu kugira isuku, cyane cyane yo ku mubiri (harimo gukaraba intoki kenshi), mu ngo, mu masoko, muri za gare, amaresitora n'utubari.
4. Tuributsa abantu bose kwirinda kwegerana, basiga intera hagati yabo ya metero imwe (1m) nibura, cyane cyane nko mu masoko, utubari n'ahandi hantu hahurira abantu benshi; no kwirinda gusangira ibinyobwa ibyo ari byo byose bakoresheje igikoresho kimwe.
5. Inzego z'Ibanze zirasabwa gukomeza kwigisha abaturage no kubakangurira guhindura imyitwarire itadufasha kwirinda iki cyorezo.
6. Inzego z'Ibanze ku bufatanye n'Inzego z'Umutekano barakomeza gukurikirana iyubahirizwa ry'aya mabwiriza.

Bikorewe i Kigali ku wa 20 Werurwe 2020

Prof. SHYAKA Anastase
Minisitiri

